Editions Bakame yiyemeje guteza imbere umuco wo gusoma

Kapiteni B. Alexis

Mu rwego rwo gushishikariza abana n'urubyiruko umuco wo gusoma icapiro « Editions Bakame » rikomeje kugenda mu mashuri abanza hirya no hino mu gihugu, ritanga ibitabo. Tariki ya 7 Werurwe, iyo gahunda yakorewe mu Karere ka Bugesera.

Nkuko bitangazwa na Madamu Agnès Gyr Ukunda, Umuyobozi wa Editions bakame, ngo kuva icapiro ryashingwa mu mwaka wa 1995, intego yari ugukundisha abantu gusoma cyane, cyane bitangiriye mu bana bato bo mu mashuri abanza. Nkuko kandi akomeza abisobanura, ngo gusoma ni kimwe mu byafasha kuzamura ndetse no guhesha agaciro ururimi nyarwanda ndetse n'umuco. Ngo by'umwihariko, kugira ngo intego yo kwimakaza umuco wo gusoma mu bana igerweho, "Editions Bakame" (iyandikiro ry'ibitabo by'abana n'urubyiruko), itegura amoko y'ibitabo atandukanye, bishingiye ku kigero cy'umwana. Muri ibyo bitabo harimo iby'imigani (contes), inkuru ndende (romans) n'i-mfashanyigisho (documentaires) mu kinyarwanda. Ibi bitabo byose byibanda ku nsanganyamatsiko zigezweho kandi zishingiye ku muco nyarwanda.



Editions Bakame itanga ibitabo ku banyeshuri (Foto: Kapiteni)

Hari ibyagezweho

Nyuma yo gukora ibitabo bitandukanye, harimo byinshi by'ikinyarwanda byigishirizwamo mu mashuri yose yo mu gihugu, ubu hamaze no gukorwa ibindi 12, birimo igitabo cy'umunyeshuri umwaka wa 1 kugeza mu wa 6, ndetse n'igitabo cy'umwarimu kuva mu wa 1 kugeza umunyeshuri arangije amashuri abanza.

Nkuko ubushakashatsi bwakoze n'ishuri rikuru nderabarezi cya Kigali (K.I.E) bwabigaragaje ngo kuba mu Rwanda, 90% by'amashuri (abanza n'ayisumbuye) bidafite ibitabo n'abakozi babizobereyemo, byatumye Editions Bakame ishyiraho, muri urwo rwego, gahunda zinyuranye zo gushyigikira uwo muco mwiza: arizo gukundisha abana gusoma mu mashuri abanza (animation de lecture), guhugura abarimu mu buryo bwo gukundisha abana gusoma, ndetse no gutegura umunsi mukuru w'umwana, ukajyana n'i-gitabo kirebana n'umuco wo gusoma.

Isomero rigendanwa

Kugira ngo ibitabo bigere ku bana benshi bashoboka mu gihugu, Editions Bakame yashyizeho isomero rige-ndanwa "Bana dusome" (Bibliothèque en route). Uko bikorwa, nk'uko bitangazwa na Bwana Hakizamungu Mathias, uyobora iyo gahunda yiswe "Bana Duso-me", ngo ibitabo bishyirwa mu kigo runaka, bigakomeza bikagenda bizenguruka ibigo babihererekanya mu rwego rwo kugira ngo bigere ku banye-shuri benshi bashoboka. Ibi ngo bigamije kandi gushi-misha abana (lecture-plaisir), gusoma nta gahato.

Gukundisha gusoma niryo hame!

Nkuko byatangajwe n'umuyobozi wa "Editions Bakame", Madame Agnès Gyr-Ukunda, nyuma yo guha ibitabo, abanyeshuri barenga 2800 bo mu Karere ka Bugesera, yatangaje ko ibitabo babitangiye ubuntu, kuko hari abagiraneza babyishyuriye amashuri 5 yabibonye (Kagasa, Mayange B, Nyagi-hunika, Nyamata High Scho-ol ndetse n'ishuri ribanza rya E.P.R Bugesera). Ngo ugereranyije, n'ibisabwa kugira ngo igitabo gisohoke, bo ngo babitangira make iyo umuntu ashaka kukigura kuko igitabo kimwe kigura hagati ya 200 na 500 by'amanyarwanda. Umuyobozi wa Editions Bakame, yatangarije Imvaho nshya ko kuba ibitabo byabo bigura ubusa, ubundi bakabiha ibigo by'amashuri ntibyishyure, babikesha abaterankunga bo mu Busuwisi (Medicor Foundation Lichtensleind), bashyigikiye umuco wo gusoma.

Twabibutsa ko Akarere ka Bugesera kabaye aka kabiri muri uyu mwaka kamaze guhabwa ibitabo na Editions Bakame. Ibitabo bahawe bikaba bifite agaciro ka miliyoni 1 n'ibihumbi ijana (1.100.000) by'amanyarwanda. Mu gihe Kamonyi babonye bo ibitabo bigera hafi ku 3900 bingana na miliyoni imwe n'ibihumbi magana inani (1.800.000). Aho batanze ibitabo, buri mwana agenerwe igitabo cye, asomera ku ishuri akakihasiga.